



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA GASHYANTARE 2019

10 Werurwe 2019

IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GASHYANTARE 2019

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2019. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 0,8% mu kwezi gushize kwa Gashyantare 2019 ugereranyije na Gashyantare 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 1,0%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 0,8% mu kwezi kwa Gashyantare ni ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,2%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 8,2% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 7,8%.

Iyo ugereranyije Gashyantare 2019 na Gashyantare 2018, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 1,6%.

Wagereranya ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2019) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2019), ibiciro bikiyongeraho 0,3%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibirirwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,7%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Gashyantare 2019, ibiciro mu byaro byagabanutseho -1.3% ugereranyije na Gashyantare 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2019) ryari ku kigereranyo kingana na -0,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 1,3% mu kwezi kwa Gashyantare ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 8,7%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2019) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2019) usanga ibiciro byaragabanutseho 0,4%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 1,6%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Gashyantare 2019 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 0,4% ugereranyije na Gashyantare 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 0,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,4% mu kwezi kwa Gashyantare 2019 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 7,3%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2019) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2019) ibiciro byagabanutseho 0,1%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 0,8%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2018 kugeza muri Gashyantare 2019.

| | Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2018 kugeza muri Gashyantare 2019 | | | | | | | | | | | | |
|--|--|------|------|-----|------|------|------|------|------|------|------|------|------|
| | <i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i> | | | | | | | | | | | | |
| | 2018 | | | | | | | | | | | | |
| | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 2019 | |
| | | | | | | | | | | | | 01 | 02 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 0,7 | 0,9 | 1,7 | 3,0 | 2,9 | 2,0 | 2,1 | 1,2 | -0,6 | 0,1 | 1,1 | 1,0 | 0,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -2,7 | -2,9 | -1,3 | 0,9 | 0,4 | -0,3 | -0,6 | -2,7 | -5,4 | -1,8 | -0,6 | -0,4 | -1,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | -1,3 | -1,4 | -0,1 | 1,8 | 1,4 | 0,6 | 0,6 | -1,1 | -3,4 | -1,0 | 0,1 | 0,2 | -0,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,1 | -0,9 | -1,0 | 0,4 | 0,2 | -0,6 | -0,5 | -0,2 | 0,0 | 0,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 0,5 | 1,3 | 2,4 | 0,8 | -1,7 | -0,6 | 0,6 | -0,3 | -1,4 | -0,6 | -1,3 | 0,0 | -0,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,5 | 1,1 | 1,9 | 0,9 | -1,4 | -0,8 | 0,5 | -0,1 | -1,0 | -0,5 | -0,8 | 0,0 | -0,1 |

Isoko: Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Abashinzwe imenyekanisha ry'imibare:

MURANGWA Yusuf, Umuyobozi mukuru; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Umuyobozi mukuru wungirije; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MWIZERWA J.Claude, Umuyobozi w'agateganyo w'agashami k'imibare
y'ubukungu; claudemwizerwa@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Umukozi uhagarariye imibare y'ibiciro;
lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw